

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo**
Byasubiwemo mu Ukwakira 2024

Intego y'inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma isoza y'igihembwe muri Kentucky (Alternate Kentucky Summative Assessment (AKSA)) itanga ibigenderwaho ndetse igasubiza ibibazo ababyeyi bashobora kuba bafite kuri AKSA kugira ngo bafate imyanzuro nyayo kubana babo.

Amagambo y'ingenzi ugomba kumenya

Impinduka: Uguhindurwa mu ibikoresho cyangwa ibikorwa bifasha kubona mu gihe cy'amasomo ndetse n'isuzuma. Impinduka z'aho kuba ntabwo zihindura imiterere cyangwa ikigamijwe kwigishwa cyangwa gupimwa. Impinduka z'aho amasuzuma abera zigamije gufasha umunyeshuri kugira uruhare mu isuzuma kandi hatanga ibisubizo bya nyabyo bigaragaza icyo umunyeshuri azi kandi abasha gukora.

Ibifasha kumenyera: Impinduka zikorwa ku byo umunyeshuri akeneye ku giti cye. Impinduka zikorwa ku ibikoresho bihari cyangwa ugutangwa kw'amabwiriza kugirango bigere kubyo umunyeshuri akeneye. Ingero zirimo ibyerekezo by'imbere kuri mudasobwa, ibimenyetso byunganira abatabasha kuvuga neza (byitwa kandi Mayer Johnson), amafoto, ibimenyetso bihujwe n'ibintu nyabyo, ibintu nyabyo, amashusho yagutse, amashusho yuzuye cyangwa azamuye, ibara ryinshi cyangwa ibimenyetso by'ikiganza.

Imyitwarire yo kumenyera: Imyitwarire y'ingenzi k'umuntu yo kubaho yigenga kandi agakora atekanye mubuzima bwa buri muni.

Komite y'inama ishyiraho ukwemererwa ndetse no gukurwa k'umunyeshuri muri Gahunda y'uburezi bw'umuntu ku giti cye (Admission and Release Committee (Admissions and Release Committee (ARC): Itsinda ry'abantu bafata imyanzuro y'uburezi k'umwana ukeneye uburezi bwihariye. Harimo umubyeyi, umwana (nk'uko bikwiye), umwarimu (abarimu) b'uburezi busanzwe, umwarimu (abarimu) b'uburezi bwihariye, uhagarariye akarere (umuyobozi, umuyobozi w'uburezi bwihariye, umujyanama wungirije, n'abandi), abakora isuzuma ndetse n'abatanga serivisi bihuye nabyo.

Ubundi buryo bw'ibipimo bwo kugenzura ibyagezweho Ubundi buryo bw'ibipimo byo kugenzura ibyagezweho bushyiraho ibyitezwe kugerwaho mubikorwa, ubwo buryo butandukanye mu buhanga n'uburyo bw'ikizamini kigaragaza ko umuntu yasoje icyicyiro runaka. Muri rusange, Ubundi buryo bw'ibipimo byo kugenzura ibyagezweho bugomba guhuzwa n'ibipimo bya leta mubijanyeho n'imitsindire muburezi, guteza imbere uburyo bwo kugera ku nyigisho rusange kandi bikagaragaza imyanzuro y'ubunyamwuga igaragaza imitsindire yo hejuru ishoboka kugerwaho. [Reba [34 C.F.R. §200.1\(d\)](#)]

Intego y'ubu bundi buryo bwo gusuzuma: Intego igaragaza igipimo ntarengwa cyahiswemo n'ibipimo by'uburezi bya Kentucky (Kentucky Academic Standard (KAS)). Ikizamini cy'ubundi buryo bwo gusuzuma intego gishobora kugabanya ibice by'ibipimo bisanzwe binyuza mu

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo**
Byasubiwemo mu Ukwakira 2024

gutanga amabwirizwa yihariye ku ibibazo runaka by'isuzuma bishobora kugaragaza. ([Ibipimo Rusange by'uburezi bya Kentucky - Ikizamini cya KSA cy'abana bihariye](#) 2023)

Ipamyabumenyi itandukanye y'amashuri yisumbuye: Ihabwa abanyeshuri bafite ubumuga badashobora kugera ku ibisabwa n'impabumenyi y'amashuri asanzwe. Abahabwa indi mpamyabumenyi y'amashuri yisumbuye bazanyuzwa mu yandi masuzuma ndetse no gusoma irindi somo ryihariye ritandukanye mu myigire. Indi mpamyabumenyi y'amashuri yisumbuye ntihura n'impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye asanzwe.

ikoranabuhanga rifasha ufite ubumuga: Ibikoresho n'ingamba zikoreshwa mu gufasha abanyeshuri guteza imbere no kwitabira amasomo afite ireme, imibanire n'akazi; bishobora kuva ku ikoranabuhanga rito (urugero, sisitemu yo gutumanaho yikoresha, ururimi rw'amarenga, n'ibindi) kugeza ku ikoranabuhanga ryo hejuru, nka mudasobwa zifite aho bahindurira imikorere.

Ibikorwa byo kugeraho: Ibikorwa byo gukora bisaba abanyeshuri kurangiza igikorwa, gukora intambwe ku yindi, nk'uko byasobanuwe n'umwarimu.

Inyongera ndetse n'ubundi buryo bwo kuganira (Alternative Communication (AAC)): Sisitemu y'ikoranabuhanga ryo hasi, igeraranyije cyangwa ryisumbuye rifasha umunyeshuri kwivuga (urugero, gusaba, gutangiza no gusubiza ibibazo, gusobanura ibintu cyangwa ibyabaye no kugaragaza kwanga, ibikoresho bisohora amajwi nk'ibikoresho by'itumanaho bihuza inyandiko n'imvugo, amashusho cyangwa ibimenyetso).

Ubumenyi bwo kuganira: Gukoresha uburyo bw'itumanaho butuma abanyeshuri bagira ubumenyi kandi bakabugaragaza.

Ibigize intego: Ibipimo by'ibikubiyemo ni byo byibandwaho mu igenzura. Kuri AKSA, ibigize intego birebwa binyuze mu gukora ibikorwa by'icyiciro cy'ishuri mu gusoma, imibare, siyansi, amasomo y'imanya muntu ndetse no kwandika.

Amakuru ahari: Amakuru yakusanyijwe mu gihe cy'iminsi 365 ishize. Urugero rukubiyemo Gahunda Y'uburezi Ireba Iterambere ry'Umuntu ku giti cye (Individual Education Program Development (IEP) yerekana igenzura ry'iterambere, raporo z'iterambere rya IEP, ibipimo bishingiye ku ibyabonywe mu cyumba cy'ishuri, ingero z'ibikorwa, amakuru yo gusuzuma imyitwarire y'imikorere, ibipimo by'inzibacyuho ibipimo by'ikoranabuhanga ndetse no kwandika abitabiriye.

Umunyeshuri wiga icyongereza (English Learner (EL)): EL ni umunyeshuri ufite ururimi kavukire rutari icyongereza cyangwa umunyeshuri ukomoka mu karere aho ururimi rutari icyongereza rwagize ingaruka zikomeye ku rwego rw'ubumenyi bw'ururimi rw'icyongereza. Ibibazo by'umunyeshuri wa EL mu kuvuga, gusoma, kwandika cyangwa gusobanukirwa ururimi rw'icyongereza bishobora kuba inzitizi yo kwiga mu byumba by'amashuri byigishwa mu icyongereza no gukora ibizamini byatanzwe mu icyongereza.

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo**
Byasubiwemo mu Ukwakira 2024

Itegeko rigena ugutsinda kwa buri munyeshuri (Every Student Succeeds Act (ESSA)): Mu Ukubozwa 2015, Inteko yongeye kwemeza Itegeko ry'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye (ESEA), itegeko ry'ibanze rya leta rigenga amashuri y'incuke kugeza ku cyiciro cya 12. Izwi nka ESSA, yasimbuye Nta Mwana Wasizwe Inyuma (No Child Left Behind (NCLB)) kandi yashyizeho ingamba y'igihe kirekire iha leta ubudahangarwa bwiwongereye kandi itanga igenzura ryinshi rya leta ry'ibanze ku mikorere yo kurebera hagufi inshingano za buri umwe. ([Ishami Rishinzwe Uburezi muri Amerika](#))

Ibimenyetso: Ibi byerekeza ku masoko yihariye y'amakuru akoreshwa mu kumenya imiterere y'umunyeshuri wujuje cyangwa utujuje ibisabwa byo kwitabira.

Ibikoresho birenze: Ibikoresho, impinduka n'ibikoresho by'ikoranabuhanga bifasha abafite ubumuga birenze ibikenewe mu masuzuma rusange y'abanyeshuri, nk'uko byasobanuwe mu kizamini cy' [Ugushyirwa kw'abaturage mu byiciro byihariye muri gahunda y'isuzuma risabwa ndetse no kubazwa inshingano](#) ndetse byashizwe mbere muri [703 KAR 5:070](#).

Uburyo bwihariye bwo kwigisha abafite ubumuga: Ni inyigisho ikubiyemo byinshi kandi yibanda ku munyeshuri ku giti cye. Ubu bwoko bw'inyigisho bukenewe n'abanyeshuri bafite ubumuga bukabije bwo gutekereza kugira ngo babone ubumenyi n'ubushobozi mu rwego rw'inyigisho. Abanyeshuri bafite ubumuga bukabije bwo gutekereza bashobora gukenera ubu buryo cyane kugira ngo bashyire mu bikorwa ubumenyi n'ubuhanga mu bintu byinshi.

Itegeko rirengera buri muntu ufite ubumuga mu myigire (Individuals with Disabilities Education Act (IDEA)): Ni itegeko rya leta ryashyizweho mu mwaka wa 1990 kandi ryongera kwemezwa mu mwaka wa 1997 no mu mwaka wa 2004. Rigamije kurengera uburenganzira bw'abanyeshuri bafite ubumuga binyuze mu kureba neza ko buri wese abona Ugutangwa k'Uburezi Rusange Bukwiriye K'ubuntu (Free Appropriate Public Education (FAPE)), hatitawe ku bushobozi. IDEA ntabwo yibanda gusa guha uburenganzira bungana abanyeshuri bafite ubumuga ahubwo inatanga serivisi z'inyongera z'uburezi bwihariye n'umutekano w'ibikorwa.

Gahunda Y'uburezi Ireba Iterambere ry'Umuntu ku giti cye (Individual Education Program Development (IEP)): Yanditswe mu buryo buhuje n'ibyifuzo byihariye by'umwana ufite ubumuga. Ni amasezerano anyuze mu mategeko afitanye isano n'amategeko agaragaza ko umwana azahabwa serivisi zivugwa muri iyo gahunda.

[Inyandiko nyobozi yo gutegura IEP](#) itanga amabwiriza ndetse n'ingero zo gukora IEP's.

Ibipimo by'uburezi bya Kentucky (Kentucky Academic Standards (KAS)): birimo ibisabwa by'ibanze bivugako abanyeshuri bese bo muri Kentucky bakagombye kugira amahirwe yo kwiga mbere yo kurangiza amashuri yisumbuye ya Kentucky. Ibipimo byerekana ibigomba kwigishwa, ariko ntibigaragaza uburyo ibikoreshe mu kwiga byateganijwe cyangwa ibikoreshe bikwiriye gukoreshe. Ibipimo bifasha kwemeza ko abanyeshuri bese muri Kentucky bahabwa inyigisho zisa kandi bafite amahirwe yo kwiga ku rwego rwo hejuru.

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo**
Byavugurwe mu Ukwakira 2024

Inyandiko nyobozi y'Ifishi yo kwitabira ubundi buryo bwo gukora isuzuma yo muri

Kentucky: Iyi fishi yerekana ibisabwa umunyeshuri agomba kuba yujuje kugira ngo yemererwe kwitabira isuzuma ry'ubundi buryo. Ibyo bisabwa bigomba kwemeranywa na ARC kandi bigasubirwamo mu nama ngarukamwaka.

Urukurikirane rw'Imyigire: Ni ibisobanuro byerekana uko abanyeshuri bafite imyigire isanzwe bashoboro kuzamuka mubushobozi bwabo mubyamashuri uko igihe kigenda gihita. Urugendo rw'imyigire rushobora kuba igiikoresho cy'ingirakamaro ku barimu mugihe bagera kumenya aho umunyeshuri ageze mu kwiga ubumenyi cyangwa gusobanukirwa igitekerezo runaka.

Igikoresho cyo kureba umunyeshuri ku giti cye (Learner Characteristics Inventory (LCI)): Ni inyandiko y'ibibazo ifasha umwarimu gusobanukirwa imiterere ya buri munyeshuri mu bintu bitandukanye: kwivuga, itumanaho ryo kwakira ibitekerezo, kumva, kureba, kuganda, kwifatanya n'abandi, kwitabira, gusoma no kubara. LCI ifite intego ebyiri z'ibanze: 1) gusobanura urusobe rw'imiterere y'abanyeshuri bitabira amasuzuma y'ubundi buryo bwihariye, 2) gusobanura urugero ingengabihe y'iyi mico igihe yagaragariye muri leta no hirya no hino.

Amakuru areba umuntu umwe: Amakuru yakusanyijwe kandi asuzumwa mu gihe runaka kandi afite igihe kirenga umwaka umwe. Urutonde rw'ibarurishamibare ni rurerure niba rukurikirana ubwoko bumwe bw'amakuru ku bintu bimwe mu bihe byinshi. Ingero z'amakuru y'igihe kirekire harimo amateka y'iterambere ry'imibereho, raporo zishinzwe igenzura, igenzura ry'ibipimo, ibisubizo by'ibipimo bya leta n'uturere, ibipimo byo kumenyera by'imyitwarire iboneye, amakuru yo kugenzura iterambere, amakuru yo kugenzura imyitwarire y'imikorere, igenzura ry'inziyacyuho n'igenzura ry'ikoranabuhanga.

Uburyo bwo kuganira: Uburyo bw'ibanze umunyeshuri agaragazamo ibitekerezo bye, nk'amagambo, amashusho, ibintu, ibimenyetso byo gukoraho n'ikoranabuhanga rikoreshe mu gushyikirana/gufasha.

Impinduka: Impinduka mu bikoresho cyangwa inzira mu gihe cyo kwigisha no gusuzuma bihindura intego zo kwiga ibikubiye mu rwego rwo hejuru. Impinduka mu gihe cyo kwigisha zishobora kuba ngombwa by'agateganyo mu rwego rwo gushimangira ubumenyi n'ubushobozi bw'umunyeshuri. Guhindura ibipimo bituma habaho ibipimo bidafite agaciro kubumenyi n'ubushobozi bw'umunyeshuri bityo bigomba kwirindwa.

Nta mwana usigwa inyuma (No Child Left Behind (NCLB)): Itegeko rya leta ryashyizweho mu mwaka wa 2002 ryari rigamije ko amashuri abanza n'ayisumbuye agomba kwitaho ibijyanye no kugera kubipimo biri hejuru. NCLB isaba ko 100% by'abanyeshuri (harimo n'abanyeshuri biga mu mashuri yihariye n'abo mu miryango itishoboye) mu ishuri bagera ku rwego rumwe mu mibare no gusoma mu mwaka wa 2014. NCLB yasimbuwe na ESSA muri 2015.

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo**
Byavugururwe mu Ukwakira 2024

Ibigenderwaho mu kwitabira: Ibi bigenderwaho bitanga amakuru y'inyongera ku byerekeye umunyeshuri n'imiterere y'abanyeshuri basabwa kuzuza ibipimo bine byo kwitabira isuzuma ry'ubundi buryo.

Ikwirakwira: Iboneka mu bice by'amasomo no mu bintu byinshi (harimo ishuri, urugo n'umuryango).

Amabwiriza yashyizweho yihariye (Specially Designed Instruction (SDI): Kumenya ibikubiye mu nyigisho, uburyo bwo kwigisha cyangwa uburyo bwo gutanga inyigisho kugira ngo bihuze n'ibikenewe ku mwana ku giti cye no kugira ngo umwana abone uburyo bwo kwiga gahunda y'amasomo, bityo umwana abone uko yubahiriza amahame agenga uburezi yashyizweho.

Ibyashyizweho kubaho nk'ibisubizo: Ibibazo byo gusuzuma byashyizweho kugira ngo abanyeshuri basubize bahitamo igisubizo (urugero, guhitamo byinshi, icyukuri cyangwa ikitari cyo).

Ubufasha bw'ingirakamaro: Harimo ubufasha butangwa n'abarimu n'abandi (urugero, umwarimu utanga ubufasha, umwarimu wungirije, umufasha) hamwe n'ibikoresho bitandukanye by'ubufasha aho umunyeshuri ari. Ingero zirimo guhuza inyandiko n'ibizamini no kwiga no gutunganya byinshi bikubiyemo gushyigikira amasomo.

Ibikoresho by'ingirakamaro bifasha kumenyera: Ibikoresho by'ingirakamaro bifasha kumenyera birimo ibikoresho bitandukanye byo mu ishuri n'ibindi bikoresho byahinduwe mu isura n'ibikubiye mu bikoresho kuri bagenzi babo badafite ubumuga bakoresha mu kwigisha cyangwa gusuzuma. Ingero zirimo kugabanya cyane uburebure bw'ibice cyangwa gukoresha utudomo tuzamuye ndete no kubara ukoresheje intoki mu gihe cyo kumenya umubare uhuye mu mibare.

Inyandiko yo gukora inzibacyuho (Transition Attainment Record (TAR)): Inyandiko yifashishwa mu gusuzuma kwitegura gusoma, imibare ndetse na siyansi.

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo**
Byavugururwe mu Ukwakira 2024

Ibibazo Bikunzwe Kubazwa

1. Inyandiko y'isuzuma isoza y'igihembwe (Alternate Kentucky Summative Assessment (AKSA) ni iki?

AKSA (yahoze yitwa ubundi buryo bwo gukora isuzuma ku abanyeshuri bafite ikiba mu imitekerereze (Alternate K-PREP) ifasha abanyeshuri bafite ubumuga bukomeye bwo mu mitekerereze. Abafite ubumuga bashobora gukenera ubundi buryo bwo kwitabira igenzura rya leta ya Kentucky kugira ngo bagaragaze ibyo bagezeho. Ubundi buryo gukora isuzuma bwashyizweho mu rwego rwo kwita ku byo abanyeshuri bakeneye binyuze mukubemerera kujya cyane mukumenyera, impinduka n'uburyo bwo kwitabira isuzuma rya leta.

Andi makuru y'inyongera:

[Urubuga rwa Interineti rw'Inyandiko y'isuzuma isoza y'igihembwe muri Kentucky \(Alternate Kentucky Summative Assessment \(AKSA\)](#)

2. Ni inde ukorerwa isuzuma?

Buri munyeshuri kuva mu mwaka wa 3 kugeza mu wa 12 asuzumwa hakurikijwe ibipimo byihariye ku byiciro bitandukanye. Hari abanyeshuri bafite ubumuga bitabira isuzuma risoza igihembwe muri Kentucky (KSA) badafite ibikoresho ndetse na bimwe mu bikoresho. Abanyeshuri bagaragaweho ubumuga bukomeye bwo mu mitekerereze kandi bujuje amabwiriza ngenderwaho yo kwitabira isuzuma risoza igihembwe muri Kentucky (KSA bazitabira isuzuma ry'ubundi buryo ryitwa AKSA.

Andi makuru y'inyongera:

Amakuru ajyanye n'amasomo asuzumwa kuri buri cyiciro cy'abanyeshuri bitabiriye isuzuma ry'ubundi buryo yashyizwe ku [rubuga rwa interineti rw'isuzuma risoza igihembwe muri Kentucky](#) .

3. Ni ibihe byiciro by'amashuri bisuzumwa muri AKSA?

Isuzuma ry'ubundi buryo rifite ibice bibiri byingenzi:

- Gukora ibikorwa bipima imikorere y'umunyeshuri mu kurangiza imirimo/ ibikorwa byatanze. Abanyeshuri bazasuzumwa mu:
 - Gusoma – icyiciro cya 3-8 n'icya 10
 - Imibare–Icyiciro cya 3-8 n'icya 10
 - Siyansi – Icyiciro cya 4, icya 7 n'icya 11
 - Amasomo y'ubumenyamuntu – Icyiciro cya 5 n'icya 8
 - Kwandika - Icyiciro cya 5, icya 8 n'icya 11

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo**
Byavugururwe mu Ukwakira 2024

- Inyandiko yo gukora inzibacyuho yuzuzwa na ARC kugirango bapime imikorere y'umunyeshuri ku bumenyi bw'amashuri bukenewe mu inzibacyuho. Abanyeshuri bazagenzurwa mu gusoma (Icyongereza no gusoma bifatanye), imibare no kwitegurira siyansi mu cyiciro cya 11.

4. Ni nde uhitamo niba umwana wanjye ko azitabira ubundi buryo bw'isuzuma?

ARC ifata ibyemezo ku bijyanye na gahunda y'uburezi naho abanyeshuri bafite ubumuga bajyanwa. ARC kandi izagena uko abanyeshuri bafite ubumuga bazitabira amasuzuma ya leta n'ay'uturere. ARC igena niba umunyeshuri azitabira isuzuma ryagutse rya leta afite ibikoresho, atabifite cyangwa niba agomba gusuzumwa binyuze mu ubundi buryo.

5. Ni gute umwanzuro ufatwa na ARC?

Ukoresheje [Inyandiko nyobozi y'ifishi](#) yo kwitabira ubundi buryo bwo gukora isuzuma yo muri Kentucky: ARC izasesengura amakuru y'umunyeshuri, harimo amakuru y'iterambere ryihariye ku rwego rw'imitsindire y'umunyeshuri ariho ubu. Aya mabwiriza akubiyemo ibigenderwaho mu ukwitabira bisobanura ibintu byihariye muburezi ndese n'ibibiranga. ARC igomba kuganira no kwemera igisubizo cya "yego" no gutanga ibyangombwa bisabwa kuri buri kigero mu mabwiriza yo muri inyandiko nyobozi kugira ngo bagene niba umunyeshuri yujuje ibisabwa mukwitabire isuzuma ry'ubundi buryo. ARC igomba kuba ifite amakuru yihariye yo gutanga ibimenyetso no gushyigikira ugusubizwa kwa "yego" kuri buri gitekerezo, harimo, ariko bitagarukira gusa kuri raporo y'uburezi ishingiye ku mitekerereze, ibipimo by'imyitwarire iboneye, amasuzuma y'amasomo, amasuzuma yo kumenya urugero umuntu ariho, gukurikirana aho ageze n'ibyo umunyeshuri akora.

6. Ni ryari ARC ifata Umwanzuro?

ARC iterana byibuze buri mwaka gusuzuma gahunda y'uburezi y'umunyeshuri binyuze mu gusuzuma no kuvugurura Gahunda Y'uburezi Ireba Iterambere ry'Umuntu ku giti cye (Individual Education Program Development (IEP), kandi bagene uburyo umunyeshuri azitabira isuzuma ryagutse rya leta ya Kentucky. Ukoresheje [Inyandiko nyobozi y'ifishi yo kwitabira ubundi buryo bwo gukora isuzuma yo muri Kentucky](#): ARC igomba gusuzuma no kongera kugena ukwitabira kw'isuzuma ry'ubundi buryo buri mwaka.

7. Iyo ARC imaze kumenya ko umunyeshuri yujuje ibisabwa kugira ngo yitabire isuzuma ry'ubundi buryo, ese icyo cyemezo kiba ari icya nyuma cyo gusoza?

Hashingiwe ku makuru ahari ku gihe cya ARC, umunyeshuri ashobora kubanza kwemezwa ko azitabira igenzura ry'ubundi buryo. Mu gihe haje andi makuri mashya cyangwa impinduka zibayeho, ARC ishobora guterana kandi igahitamo ko

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo
Byavugurwe mu Ukwakira 2024**

umunyeshuri atacyemerewe kwitabira isuzuma ry'ubundi buryo. Inama ngarukamwaka ikorwa na ARC yakagombye gufasha ARC gufata icyo cyemezo buri mwaka.

- 8. Kuki umwana wanjye akora ibintu bimwe n'abandi bana badafite ubumuga? None se niba umwana wanjye ashobora gukora ibintu nk'ibyo, byaba ari ngombwa ko ajya kwiga mu ishuri ry'uburezi bwihariye?**

Itegeko rya ESSA (Buri munyeshuri atsinde [Every Student Succeeds Act] risaba ko abanyeshuri bose bahabwa ubumenyi n'ibyo kugeraho bimwe (uretse ko abanyeshuri bafite ubumuga bukomeye bwo mu mitekerereze bahabwa ubundi buryo bwo bw'intego mu ibyanyanye n'imyigire). ESSA isaba ko amasuzuma y'ubundi buryo aba ashingiye ku rwego rumwe rw'amasomo ya buri cyiciro. ([ESSA: Ibyibanze bitangwa n'ingaruka bigira ku banyeshuri bafite ubumuga](#))

- 9. Kuki umwana wanjye agomba gusuzumwa ku rwego rumwe rw'amasomo ya buri cyiciro n'abanyeshuri badafite ubumuga bwagaragaye?**

Hariho amategeko abiri y'igihugu akena uburyo amashuri azabazwa ibyo yakoze mu burezi bw'abanyeshuri bose muri Amerika, ESSA n'Itegeko rirengera buri muntu ufite ubumuga mu myigire (IDEA 2004). ESSA na IDEA byombi bisaba ibyifuzo biri hejuru byo kwiga no kubona uburenganzira kuri gahunda rusange y'amasomo kuri buri mwana. Ibi byerekana ko abanyeshuri bose bafite agaciro kandi ko bashobora kwiga ku rwego rwo hejuru. Ubushakashatsi buherutse gukorwa bugaragaza ko abanyeshuri bafite ubumuga bukomeye bw'imitekerereze bashobora kwiga. Amakuru y'igenzura rya leta akoreshwa mu gufasha kuzamura ibigo na gahunda hamwe no gutanga uburezi bwiza ku banyeshuri bose.

Andi makuru y'inyongera:

Amabwiriza ku rwego rumwe rw'amasomo ya buri cyiciro aha umunyeshuri amahirwe yo kwiga ibitekerezo bishobora gukoreshwa mu bihe byinshi hamwe no kwiga ubumenyi bwo gukora imirimo isanzwe (ubuzima). Guhuriza hamwe aya mahirwe yombi bitanga kugera ku imyigire myiza. Urugero, mu gihe umunyeshuri arimo gukora ku ibyashyizweho isaba abanyeshuri gusesengura amakuru, gukora igishushanyo mbonera no guhitamo neza ukoresheje amakuru cyangwa igishushanyo mbonera, umunyeshuri ashobora:

- Kongera kuganira ndetse n'ubuhanga bwo gushyikirana n'abandi (harimo n'ibikoresho bakandagiraho n'ibyo bareba) mu gihe cyo gukora ubushakashatsi bwo gukusanya amakuru;
- Kongera kumva mu gihe ashyiramo amakuru ku mbonerahamwe (urugero, ahuza kimwe kuri buri kimwe);
- Kongera ubushobozi bwo gufata ibyemezo bikwiye kandi bifite ishingiro mu

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo
Byavugurwe mu Ukwakira 2024**

- gihe ukoresha amakuru kugira ngo uhitemo ukoresheje amakuru cyangwa igishushanyo (urugero, ni iki gifite byinshi); kandi/cyangwa,
- Ongera ubuhanga bushobora gukoreshwa mu kazi (urugero, kwinjiza amakuru kuri mudasobwa, gukoresha aho bakandagira mu kwinjiza amakuru, kubaza abantu mu iduka).

Abanyeshuri bitabira isuzuma ry'ubundi buryo bemerewe gukoresha ubufasha bubafasha kwiga no kwigenga. Izi nkunga zishobora kuba zikubiyemo kugabanya igipimo cyo gukomera, gutanga amashusho cyangwa ibintu no gukoresha ibikoresho byikoranabuhanga bifasha abafite ubumuga.

10. Ese IEP y'umwana wanjye ntabwo igena ibyo biga kw'ishuri?

Intego ya IEP ni ukureba ko umwana ufite ubumuga ahabwa Uburezi Rusange Bukwiriye Kubuntu (Free Appropriate Public Education (FAPE)). IEP ni gahunda y'inyandiko isobanura amabwiriza yihariye agenewe umwana wawe (Specially Designed Instructions (SDI)), ibikoresho /impinduka n'izindi serivisi zijyanye na byo zikenewe kugira ngo umwana wawe akemurirwe ibyo akeneye. SDI isobanurwa muri IDEA nk'igikorwa cyo kumenyera ibikubiyemo, uburyo cyangwa gutanga amabwiriza yo kwita ku bikenewe byihariye by'umwana no kwemeza uburyo bwo kubona gahunda rusange y'amasomo ku buryo umwana ashobora kuzuza ibipimo by'uburezi mu bubasha bw'ikigo cya leta bireba abana bose. ([34 CFR igice cya 300.39](#)) Ibipimo by'uburezi muri Kentucky ni KAS. Nk'amabwiriza ya buri muni yihariye ku ibipimo by'ibygishwa mu ishuri, IEP isobanura neza ibigize ibygishwa (e.g...urugero rw'imitsindire ruriho ubu, intego z'umwaka ndetse n'ibishakwa kugerwaho/ibigenderwaho, ibikoresho/impinduka ni ingenzi mu gutanga uburezi bwa nyabwo.

Andi makuru y'inyongera:

IEP ntabwo igamije kuba gahunda yose y'uburezi y'umunyeshuri. Ahubwo, ni gahunda yo gushyigikira abanyeshuri bakeneye kugiraho uburenganzira kugirango bemeze iterambere muri gahunda rusange y'amasomo. IEP ikorwa na ARC nk'inyandiko y'ibyemezo byafashwe n'abanyamuryango bayo. IEP ni gahunda y'ibikorwa no kwiyezeza kubikoresho byagaragaye muri gahunda. IEP igomba kugena uburezi bwihariye bukenewe na serivisi zijyanye nabyo ndetse n'inkunga umunyeshuri akeneye mu gihe yiga ibikubiye mu nyigisho rusange.

11. Ese isuzuma ry'ubundi buryo ryaba rigabanya ubufasha ashobora guhabwa?

Mwarimu agomba guha umunyeshuri ubufasha akeneye kugira ngo yige ubuhanga bukenewe muri gahunda y'amasomo. Ariko kandi, ayo mabwiriza yagombye guhindurwa uko igihe kigenda gihita kugira ngo afashe umunyeshuri kurushaho kwigenga ku buryo mu gihe cyo gusuzuma, ashobora gukora yigenga mu rugero rwagutse uko bishoboka kose.

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo
Byavugurwe mu Ukwakira 2024**

Andi makuru y'inyongera:

Ubufasha mu igenzura bugomba gushingira ku byo buri munyeshuri akeneye. Ubufasha buhawe umunyeshuri ntibugomba na rimwe kumugeza ku gisubizo gikwiriye

12. Ese umwana wanjye yemerewe kugira ibyo ahindura ku isuzuma ryihariye?

Isuzuma ry'ubundi buryo ryemerera abanyeshuri gukoresha ubufasha (impinduka, kumenyera ndetse no gukoresha ibikoresho by'ikoranbuhanga bifasha abafite ubumuga) mu igihe cyo gutanga amabwiriza ndetse ngo gukora isuzuma. Gutanga izi nkunga bituma umunyeshuri yiga ibintu bikwiriye imyaka ye, bishimishije kandi bikabura ubushobozi bwe. Guhindura ntabwo byemewe niba ubufasha buyobora abanyeshuri ku gisubizo nyacyo. Urugero rwo gushyigikirwa byemewe ni ugusiga amabara, kugirango umunyeshuri amenye gutangirana n'icyatsi no kurangizanya n'umutuku. Urugero rw'inkunga idashobora kwemerwa ni ukureka igisubizo cy'ukuri kikagira ibara ry'icyatsi n'igisubizo kitari cyo kikagira ibara ry'umutuku. Andi makuru ku impinduka zemewe zigaragara muri [gahunda y'Ugushyirwa kw'abaturage bo mu ibyiciro byihariye mu isuzuma risabwa ndetse no kubazwa inshingano Programs 703 KAR 5:070](#).

Andi makuru y'inyongera:

Isuzuma rusange rya leta kandi ryemerera abanyeshuri gukoresha inkunga mu gihe cyo kwigishwa no gukora isuzuma. Kugira ngo hagaragare ko ibikoresho bibereye masuzuma yose byategetswe na leta, ibikoresho bikoreshe mu isuzuma bigomba gukoreshwa mu buryo buhamye nk'igice cy'inyigisho zisanzwe n'isuzuma ryo mu cyumba cy'ishuri kandi bikagendera ku bindi bisabwa byose byashyizweho [muri gahunda y'Ugushyirwa kw'abaturage bo mu ibyiciro byihariye mu isuzuma risabwa ndetse no kubazwa inshingano 703 KAR 5:070](#).

13. Ni gute ibikoresho by'umunyeshuri wanjye mu isuzuma ry'ubundi buryo bigenwa?

ARC igomba kugena ibikoresho bikenewe hashingiwe ku byo umunyeshuri akeneye. Intego y'ibikoresho mu masuzuma ni ukwemera ko amanota y'umwana wawe agaragaze ibyo yize muri gahunda rusange y'amasomo. Ibikoresho bigomba kuba bifatanye isano n'ubumuga bw'umwana wawe, hamwe n'amakuru y'igenzura kugira ngo bibafashe. Bigomba kwandikwa kuri IEP kandi bigakoreshe nk'igice cyimikorere isanzwe yinyigisho. Ntabwo ibikoresho bishobora gukoreshwa gusa mu rwego rw'igerageza. IEP igomba kwandikwa kugira ngo ifashe umwana wawe kubona ubumenyi bukenewe kugira ngo azagire icyo ageraho muri gahunda rusange y'amasomo, bityo rero ibikoresho bigenwa buri mwaka. Uko ubushobozi bw'umwana wawe bwiyongera, ni ko kugendera ku ibikoresho bigabanuka.

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo**
Byavugurwe mu Ukwakira 2024

Urugero, umwana ufite ubumuga busaba ko bakenera ibitabo byo ku rwego rw'icyiciro basomerwa mu ijwi riranguruye, iko igihe kigenda gishira ashobora kunguka ubuhanga bwo gusoma ku rwego ruzatuma gukoresha umusomyi bigabanywa kubikorwa ku imikoro imwe n'imwe. Ibikoresho ntibigamije gusimbura amabwiriza cyangwa gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga bifasha abafite ubumuga. Mu kwandika IEP, ARC ishobora kuganira ku buryo bwo kugabanya ikoresheya ry'ibikoresho uko igihe kigenda gihita. IEP izaba ikubiyemo amagambo asobanura igikoreshy cyo ari cyose umwana wawe azakoresheya mu igeraeza ro ku rwego rw'intara no ku rwego rw'akarere.

Andi makuru y'inyongera:

Ibindi bisobanuro kubijyanye n'ibisabwa rusange mu gukoresha ibikoresho ku masuzuma ya leta bishobora kuboneka k' [Urubuga rwa Interineti rw'Inyandiko y'isuzuma isoza y'igihembwe \(Alternate Kentucky Summative Assessment \(AKSA\)\)](#)

14. Ese umwana wanjye ashobora guhabwa impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye asanzwe mu gihe yitabiriye isuzuma ry'ubundi buryo bwihariye?

ARC igomba kugena niba umunyeshuri yagaragaje ubushobozi bw'imitekerereze no kumenyera imyitwarire myiza bituma hatabaho gusoza amasomo rusange yo kwiga (harimo byibura ibikenewe by'ibanze kugira ngo umutu asoze amasomo) ndetse no guhindura gahunda ndetse/ cyangwa ibikoresho. ARC ikoresheya amakuru atandukanye ndetse n'amakuru nk'amabwiriza y'Inyandiko nyobozi y'ifishi yo kwitabira ubundi buryo bwo gukora isuzuma yo muri Kentucky, raporo y'ishami ry'uburezi n'imitekerereze, igitabo cy'ibiranga umunyeshuri (Learner Characteristics Inventory (LCI)), ibyo umunyeshuri akora, ibyabonywe k'umunyeshuri n'andi makuru ayo ari yo yose afitanye isano atuma habaho uku kugenwa. Niba ari uko bimeze, ARC igomba kugena ko umunyeshuri adashobora kurangiza amasomo rusange yo kwiga kugira ngo abone impamyabumenyi isanzwe y'amashuri yisumbuye bityo akaba yarangiza amasomo y'ubundi buryo bwo kubona impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye y'ubundi buryo nk'uko bivugwa mu mabwiriza ya Kentucky [704 KAR 3:305, igice cya 10](#).

Andi makuru y'inyongera:

Kwitabira isuzuma ry'ubundi buryo ntibibuza umunyeshuri ufite ubumuga bw'imitekerereze kugerageza kuzuza ibisabwa ku mpamyabumenyi isanzwe y'amashuri yisumbuye nk'uko byavuzwe muri [Kwitabira amasuzuma ya IDEA \(34 CFR §300.160 \(d\)\(2\)\)](#).

Amakuru ajyanye n'ibisabwa mu kurangiza amashuri ashobora kuboneka ku [urubuga rwa interineti rw'ibisabwa by'ibanze by'amashuri makuru kugira ubonye impamyabumenyi](#)

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo
Byavugurwe mu Ukwakira 2024**

15. Ni ryari umwana wanjye azakora ku bumenyi bw'ibanze (bw'ubuzima) bwanditse muri IEP?

Abarimu bose bagomba kureba ikoresha ry'ubumenyi bw'ibanze bwose. Ibyo ni ko bimeze cyane cyane ku banyeshuri bafite ubumuga bw'imatekerereze. Ubuhanga bw'ibanze bushobora gushyirwa mu nyigisho z'amashuri. Iyo ubuhanga bwa IEP budashobora kwigishwa mu nyigisho z'amashuri, igihe kigomba gushyirwa ku ruhande kugira ngo bigishe ubuhanga bw'ibanze nk'uko bikenewe. Iyo umunyeshuri arangije isuzuma rya leta ry'ubundi buryo risabwa mu cyiciro cya 12, umunyeshuri ashobora kwibanda gusa ku inzibacyuho kugeza ku myaka 21.

Andi makuru y'inyongera:

Nyuma y'ibipimo by'urwego rw'icyiciro cyagenewe abanyeshuri bose kugira ngo bifashe kwemeza ko urukurikirane rw'ubumenyi bwigishwa mu gihe umunyeshuri ava mu mashuri abanza ajya mu mashuri yo hagati no mu mashuri yisumbuye, abarimu bashobora gutandukanya amasomo n'ibyifuzo kugirango bihure n'ibyo umunyeshuri akeneye mu gihe akurikiza gahunda y'amasomo. Nk'uko abarimu bashyira ku ruhande inyigisho n'ibyo biteze, bashobora gushimangira ubumenyi bwibanze ndetse n'ubumenyi bwa IEP. Urugero, mu gihe umunyeshuri wiga uburezi bwibanze yiga ibijyanye no gupima amazi, umunyeshuri ashobora kwiga gupima amazi yo gutekesha cyangwa gufura. Iyo ishuri rikurikira iribanza ryigisha ibitabo by'imigani y'ibitarabayeho ndetse n'ibiyabaye umunyeshuri ashobora kwiga kumenya ibikoreshe by'ukuri (urugero, ibitabo byo guteka, ibinyamakuru, nibindi) n'ibitarabayeho (ibitabo byanditse kuri kaseti). Mu gihe abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye biga ibijyanye n'imikorere y'ibinyabutabire, umunyeshuri ashobora kwibanda ku bikoreshe byo mu rugo agomba kwirinda kuvangavanga.

16. Byagenda bite se mu gihe umwana wanjye yaba akeneye kuguma mu cyiciro runaka cy'amashuri igihe kirenze umwaka?

Umunyeshuri agomba kongera kwandikwa muri iryo shuri mu nyandiko y'ishuri kandi akongera kwitabira igenzura ry'ubundi buryo ry'urwego rw'amashuri. [\[703 KAR 5:240, igice cya 8 \(3\)\]](#)

Andi makuru y'inyongera:

Andi makuru ku bijyanye no kugumana abanyeshuri bafite ubumuga mwabisanga muri [Kanama Itariki 19, umwaka wa 2003 yavuye mu ibiro bishinzwe Uburezi bwihariye ndetse na serivisi zo gusubiza abantu mu ubuzima busanzwe \(Office of Special Education and Rehabilitative Services\) \(OSERS\)](#).

**Inyandiko iyobora umubyeyi: Inyandiko y'isuzuma
risoza igihembwe: Amagambo y'ingenzi ugomba
kumenya ndetse n'ibibazo n'ibisubizo**
Byavuguruwe mu Ukwakira 2024

**17. NI hehe nshobora gukura amakuru n'amabwiriza yo kwitabira isuzuma
ry'ubundi buryo?**

Amabwiriza arambuye [yerekeranye no Kuja mu Bizamini Mbenezamikoro bya Kentucky](#) na fishi y'Ubushyamba ashobora kuboneka mu nyandiko [Amabwiriza agenewe Komite Ishinzwe kwemererwa no kvanamo \(ARCs\) ku Ifatwa ry'Ibyemezo byo Kwitabira Ikizamini Mbenezamikoro cya Kentucky](#) ibarizwa ku [urupapuro rw'Amabwiriza yerekeye Uburyo bwo Gufata icyemezo ku Kwitabira Ibi Bizamini](#).